K0141313



| | | |
|---|---|---|
| **Identification** | **:** | **C.35/K95 0157 19/01/94** |
| **Duration** | **:** | **60 min.** |
| **Quality** | **:** | **Good** |
| **Transmission** | **:** | **RTLM** |
| **Name of transcriber** | **:** | **MUTETELI Pénine-Joie** |
| **Name of file** | **:** | **0157rtlm. wpd** |
| **Date of transcription** | **:** | **11/5/2000** |
| **Dictaphone** | **:** | **ExpressWriter Model 2750-6SN516525-51** |

**CONTENU DE LA CASSETTE** **C.35/K95 0157 19/01/94**

**FACE A:**

* HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM, raconte comment beaucoup de gens se posent la question sur la mise en place des Institutions de transition à base élargie.

* Les manifestations des agents de l'ELECTROGAZ qui réclament le payement de leurs salaires. Interview de HITIMANA Noël à HATUNGIMANA Sylvestre qui explique la cause de ces manifestations.

* La privatisation des services de l'Etat dont l'ELECTROGAZ et la Caisse d'épargne du Rwanda. Commentaires de Noël et HATUNGIMANA Sylvestre de l'ELECTROGAZ.

* Facilitation d'infiltration des Inkotanyi de Mulindi dans la ville de Kigali. Noël montre comment la MINUAR les laissent venir dans les camions sous prétexte d'amener du bois de chauffage. Commentaires de Hitimana Noël de la RTLM.

**FACE B:**

* HITIMANA lit le communiqué de recherche d'un véhicule appartenant au MINITRAPE.

* Interview de GAHIGI Gaspard à NYIRAHABIMANA Gaudence, présidente de MFBP.

- Gaudence ne voit pas comment le FPR refuse les députés des autres partis au moment où il donne comme candidats députés des inconduits, voire même des criminels.

* GAHIGI Gaspard demande aux journalistes et politiciens d'être vigilants car le FPR a commencé à leur extermination systématique.

* Noël lit le communiqué d'avis de recherche des pièces de l'Abbé BARABONA Thomas, missionnaire du Zaïre.

* Gaspard de la RTLM commente sur le retard dans la mise en place des institutions de transition et le refus des députés du PL et du MDR par le FPR.

***

**FACE A**

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM. 00min00sec**

...mva muzika! ...twa muzika, noneho muri kumva ko Radiyo ari iyanyu, muri kumva ko ari Radiyo yanyu yatangiye, maze tugatangira "programu" tubasuhuza tuti mwaramutseho? Mukomere. Mukomere mwumva Radiyo yanyu, Radiyo RTLM. Uyu munsi turi ku itariki ya cumi n'icyenda z'uku kwezi kwa mbere.

Uyu munsi, hah! (Aseka) Uyu munsi i Kigali, nk'uko nyuze ku... ku biro hirya no hino, kuri za Minisiteri, e... ndazengurutse. Ndazengurutse nsanga... nubwo... kugira ngo ninjire mu biro..., abantu bibereye hanze, ahenshi bibereye hanze barimo... bamwe bari mu bi... igice iki n'iki abandi bari mu gice iki n'iki, bari kuvuga ngo mbese biragenda bite? Biraba bite? Bamwe bati "za Arusha zarapfuye. Ahum! Heh.

Hari aho ngeze nsanga bari kuvuga ngo "Arusha" ngo "pu", ngo "ni bya bipapuro". Hum, bati "byarapfuye", abandi bati "oya", abandi bati "Président arabigenza ate"? Abandi bati "se ibyo Lando yavuze byo ni ibiki"? Abandi bati "se KAVARUGANDA we arajya he"? Bati yara... "arihisha he"? Hum, byabaye ibibazo!

Ni ibibazo mu mujyi tugiye kugenda ducunga gahoro, ducunga twitonze, twitonze kuko uyu munsi... uyu munsi n'ejo, ndumva ari iminsi yo kwitonda. Yo kwitonda cyane, ubwo FPR na yo iraturamye iraho, hum, bose ni ukubitondera, noneho tukitonda tukareba ukuntu byagenda, bizajya mu buryo burya nta kinanira abagabo.

Mwumve uwo muzika, ndabagezaho amatangazo yanyu, ndabagezaho amakuru gahoro gahoro ukuntu agenda aza. Mwese mwese, ndumva uyu munsi abashaka bari... barishima, abatabishaka na bo..., mbese abababara barababara ariko kandi njye nzi ko birajya mu buryo.

...a uwo muzika, umuzika mwiza mugezwaho na Lawurenti wa musore wanyu, hum, umuzika mwiza abagezaho. Ariko kandi hari umubyeyi untelefonye.. arantelefonnye ati "ejobundi abantu

bashatse gusebya, gusebya Interahamwe, hum, babishyira no mu matangazo ngo ni zo zateza akaduruvayo muri uyu mujyi", ngo "zambuye abantu", ngo "zibye" ngo "zasahuye za butike", ngo "*zacuritse*" abandi", hum! Ati "rwose rwose Noheli umbwirire abumva Radiyo RTLM ko njyewe ubwanjye ndi umubyeyi". Ati ejo... "ejo umuboyi yaraje aranyiba, umuboyi wanjye, anyibye nyoberwa iyo agannye". Ati "amaradiyo, ibiki byose mu nzu aratwara". Ati "ariko nyuma ya saa sita", ati "nagiye kubona Interahamwe"..., ati "kandi njyewe" ati "rwose" ati "ibyo byo mu mashyaka simbamo", ati "Interahamwe zaraje zirambaza ziti "si wowe bibye"? Ati " banyibye" ati "ahubwo sinzi aho biri, uko byagenze". Bati "uwakwibye rero turamufite", bati "n'ibintu byawe ngwino urebe niba ari byo, ufate ibintu byawe". Ati "ibyo bintu byose barabinsubije", ati Interahamwe zo mu Gatenga, zo mu Gatenga". **02min08sec**

Ati "rero Noheli" ati "nshimira izo Nterahamwe zo mu Gatenga uzishimire rwose ubabwire ko ari abana beza", ati "rwose umuntu uzongera kuvuga ngo Interahamwe" ngo "ziriba...", hiba abajura, hiba abajura, hum, ahubwo umuntu ashobora kujya... hari n'abihishe nyine mu mashyaka cyangwa ngo abihishe muri urwo rubyiruko ariko ari abajura. Ariko muri urwo rubyiruko iyo babamenye bafite ukuntu babahana, bafite ukuntu na bo ubwabo babahana, ntabwo Interahamwe zakwemera kugira ngo zinjirwemo n'umujura bamuzi ngo ababemo, ntibishoboka.

Uyu mubyeyi rero aravuze ati "shimira izo Nterahamwe zo mu Gatenga", yari atangiye kumbwira amazina nti mbabarira rwose, nti ubwo bariyizi bariyumva, abakugiriye neza ejo bose tubatuye iyo ndirimbo.

**Orateur : HATUNGIMANA Sylvestre, ELECTROGAZ .**

...GAZ, ndabanza mbabwire e... ukuntu iriya myigaragambyo nayibonye n'ukuntu yatangiye, n'ukuntu imeze kugeza ubungubu. Ku byerekeye imishyikirano twagiye tugirana na Diregiteri kenshi byo si ngombwa kubisubiramo kuko byafata igihe kirekire cyane.

Muri make imyigaragambyo yatangiye ku itariki cumi n'eshatu ari ku wa kane mu gitondo. E... bamaze kutubwira ko ngo "Diregiteri ashobora kuba ashaka kwigira i Burayi (Europe) kwivuza,

ee... hanyuma yavayo ngo akaba yavayo ajya gukora muri Sucrerie, hanyuma bakavuga ko ngo Chef du personnel na we, MUREKEZI Désiré, ashaka kwimuka akajya muri BUNEP, ko ngo n'uwitwa GASIGWA ndetse ngo yashakaga kuba yakwimuka, nyine le 29.

**04min04sec**

Hanyuma rero ubwo ibyo bibazo bimaze kutugeraho, imitwe yarashyushye namwe murabyumva. Imitwe ishyushye bamwe bati "ni ugufunga ikigo", abandi bati "ni ukujyana ikibazo cyacu kwa Diregiteri tukakibaza". Twumvikana ko tujya kwa ee... kwa Diregiteri nk'uko tu... bisanzwe, tukagenda tukaza kubonana na Diregiteri, Umuyobozi w'ikigo noneho tu... tukavugana tukumva uko ibintu byifashe akatubwira ku byerekeye iby'"amafranga" ya... ya za régularisations bajya badukorera aho byaba bigeze, ko kandi ni byo tuba dushaka.

Ubwo rero twa... twarumvikanye tujya mu kigo n'ubwitonzi bwacu dusanganywe, turagenda tugi... twicaramo kugira ngo dutegereze ko tubonana n'Umuyobozi. Umuyobozi yaje kuboneka mu ma saa cyenda, ntabwo nibuka isaha neza yabonekeyeho,

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

**- Nari mpari.**

**Orateur : HATUNGIMANA Sylvestre, ELECTROGAZ Kigali.**

- Noneho tuza ku... a...tubwira ko ejo ku wa gatanu, bukeye bw'aho ku wa gatanu le 14 twago... yagombye kuzaza noneho akatusobanurira.. uko ibintu byifashe. Ee... bukeye ku wa gatanu na bwo twazindukiye mu kigo, umunsi wose, ariko Umuyobozi ntitwaje kumubona ntitwamenya impamvu yagize, Umuyobozi agira impamvu nyinshi. Bigeze ku wa gatandatu kuri cumi na gatanu na bwo twagezeyo, ndetse n'abajandarume baza kuhadusanga, ee... basanga turi mu mutuzo nta kibazo, tuza gu... kumvikana nimugoroba dutashye ko tuzongera tukabonana ku wa mbere.

Bigeze ku wa mbere kuri cumi na karindwi, ni bwo twa... twari twagize... ku i... ku wa mbere ku

itariki cumi na zirindwi ni bwo havutse ikibazo cyane. Icyo kibazo ni ikihe? Aa... mwambaza muti giteye gute? Byagenze gute?

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM. 06min03sec**

**- Yee, ni ibyo dushaka kumenya.**

**Orateur : HATUNGIMANA Sylvestre, ELECTROGAZ Kigali.**

Kuri cumi na karindwi rero uwo munsi, ee... ni bwo itangazo ryari riraye rihise rivuga ko ngo nyakabyizi wese noneho kugeza ubu ahagaritswe, ko atagomba kugera aho ibikogwa.. by'imirimo biri. Hanyuma kandi bigakubitiraniraho.. ko e... kuri cumi na gatanu, kuri cumi na kane n'ubusanzwe hari amatangazo yari yatambutse mbere amenyesha abakozi ko ngo bagomba kuza ku kazi uko bisanzwe, ko abigaragambya bafite aho bigaragambiriza.

Ee... hari n'andi yavugaga ko hari abantu b'abagizibanabi bangiza ibikogwa.. by'amajyambere byakozwe, bakangiza imiriro, bakangiza n'amazi.

Noneho twebwe aho twari turi..., ee... kuri cumi na karindwi zo... det... ibyo ari byo byose amatangazo natwe twari twayumvise avuga ko baduhagarika ariko tukumva ko muri abo bagizibanabi tutarimo, kuko tuba dufite aho turi.

Noneho tugiye tugeze kuri ELECTROGAZ, ee... dusanga ibintu byakomeye. Tuhasanga n'abandi tutaziranye na bo bashobora ndetse kuba ahari batagikora. Ubwo abajandarume na bo bakora akazi kabo, baradushwanyaguza bara... ba... ba... batubuza no kwinjira mu kigo. Noneho twebwe turavuga tuti bon, bariya bantu ubwo ba... batwivanzemo bakaba batubujije no kugera mu kigo, ee... akaba bigaragara ko... ko hari abagizibanabi bagiye bangiza imiriro n'amazi, kandi amazi akenewe n'abaturage benshi, imiriro irakenewe n'abaturage benshi, ee... nta n'ukuntu déjà waba ukora ikintu ngo ugende ucyangize, ntabwo ari byo byabwa... byaba solution yo kugira ngo wishyuze. Kuko uramutse ugiye kwishyuza ikintu ukangiza,

**- Ntiwakwishyuza ibyo washenye.**

- Yee, bashobora kukwishyuza ibyo wasenye. Hagati aho ngaho nta cyo uba ukorera. Ni ukuvuga ko uba ushatse kongera ahubwo imirimo wangiza. Nta cyo biba byungura rero.

Noneho twebwe kubera tuziranye twaravuze tuti bon, bariya bantu ubwo batwivanzemo bikaba bigenze gutya, bakaba batubujije kwinjira mu kigo ngo twitegerereze Diregiteri koko n'u... n'ubundi le... le 13 yari yatubwiye ko turabonana ntitwa... ntiyagaruka, le 14 agira impamvu, ee... samedi ntitwamubona, ntituzi impamvu yari yigiriye..., **08min06sec**

**- Na samedi uzi ko...**

- Hum.

**- ubundi ntibakora.**

- Hum, ubundi ntibakora.

**- Yee.**

- Noneho ku wa mbere ni bwo twa.tu...vugaga tuti wenda noneho turamubona nta kibazo tugira, ariko kubera abo bantu batwivanzemo bituma nta gishoboka. Umutekano uba urahungabanye neza neza. Twe tubonye bigenze gutyo uko turi iyo groupe, e... groupe yacu, uko twari twatangiye twi... twari twibereye mu kigo mu mutuzo, twaravuze tuti bon, ubwo bimeze kuriya reka twigendere tujye Sainte Famille dukore akanama noneho tugumye..., groupe yacu aho turi Sainte Famille turebe ukuntu twazabonana n'Umuyobozi wacu, kuko ni we twishakira nta wundi dushaka. Abo bandi basenya ntitubarimo, ntidufatanyije na bo urugomo.

Twaragiye koko tujya kuri Sainte Famille, ubwo twari twashwanyutse ariko kubera ko tuziranye, turahura tu... umwe akabwira undi ati "duhurire Sainte Famille, duhurire Sainte Famille". Ariko ba bandi bandi na bo noneho ba... baras... ntitwamenye ibyabo aho baganye.. e... ku... niba banaziranye niba batanaziranye ntabwo tubizi ibyabo.

Noneho tugeze Sainte Famille turicara dukora akanama, yee, baravuga bati bon, "reka twandikire Préfet cyangwa se tujye kumureba kuri Préfecture tumubwire ikibazo uko giteye.

Ubwo twaragiye tujya kwa Préfet koko ejobundi ku wa mbere le 17, tugezeyo ee... hari umugabo

w'Umumajoro n'undi bari bari kumwe sinamenya izina rye ntabwo abantu bo kuri Préfecture mbazi, batubwira ko twitoramo comité y'abantu icumi noneho bagakurikirana icyo kibazo cyacu kuko byumvikana.

Comité y'abantu icumi twarayitoye, noneho Préfet aratubwira ati noneho mwisubirire... non, ntabwo ari Préfet ni u... ni umu... ni u... ni uwari umuhagarariye,

**- Hum.** **10min04sec**

- ati "mwisubirire Sainte Famille,

**- Ashobora kuba ari BUTERA, Sous-Préfet.**

- ee...

**- Hum, ni umugabo w'inzobe?**

- Ee, w'inzobe.

**- Ee, ni BUTERA oui, agomba kuba ari BUTERA.**

- (Inaudible: 2 voix en même temps)...

**- Ni Sous-Préfet BUTERA.**

- Hum, noneho aratubwira ati "noneho mwebwe mwisubirire yo, mugume aho ngaho Sainte Famille uko muri mumere gutyo, ntimugire icyo mwangiza ntimugire icyo mugira gute. Ntihagire n'imodoka mukoza ibuye. Tuti ashwi da, tuti ibyo ntidushobora kubikora.

Burya twageze n'aho turamubwira tuti ahubwo twebwe nutatubonera Umuyobozi... Umuyobozi ngo twivuganire ibyacu abirangize, turaza kugaruka uducumbikire. Ati "oya" ati "mumbabarire". Ati "kubacumbikira ntibyashoboka, bitewe n'uko...", ati "hano haza abantu benshi babaza ibibazo bagira bate...,

**- Hum, nawe urabizi.**

- Ee... ati "ariko" ati "mwihangane" ati "ubwo turaza kubabwira icyo twagezeho na comité niza kuza saa munani tukavugana, comité iraza kuza ibasobanurira".

Noneho twasubiye Sainte Famille tugumya kug... kwiganirira, bamwe tugakina amakarita, abandi bi... bitemberera ku magare ababa bafite amagare, mbese twiterera imisingo nta kibazo tuvuga tuti ibyo ari byo byose ikibazo cyacu Umuyobozi azakirangiza. (Inaudible: 2 voix en même

K0141321

temps)...

**- Ndagira ngo nkubaze akabazo hagati aho ngaho.**

- Yee.

**- Nkubaze akabazo gatoya. Murabona ko ibihe turimo bikomeye, murabizi ko bikomeye.**

- Hum.

**- Muzi ko... na Ministre nk'uko yabivuze ee... ee... wa Finances, muzi ko yavuze ko no kubona "amafranga" azahemba abakozi, azahemba abakozi, hum, ko na byo ari ikibazo cy'ingorabahizi, ko azagerageza. Ubwo sinabajije muri Banque nationale uko bimeze, ariko Ministre wa Finances iyo abivuze na we aba azi icyo... ikiri muri Banque nationale uko kimeze, kuko abakozi bahembwa n'"amafranga" avuye muri Banque nationale, ntabwo ava muri aya mabanki y'ubucuruzi. Si byo?**

- Yee.

**- Ubwo aba abizi. E... murabizi namwe muzi aho intambara... iyi myaka imaze, muzi "amafaranga" iki gihugu cyatanze ku ntambara, hum!**

- E... turabizi.

**- Murabi?**

- Hum.

**- Muzi ko kugira ngo ikibazo cya ELECTROGAZ kibonerwe umuti..., none se muragira ngo kizabonerwe umuti mu mpapuro gusa nta "mafranga" mubona gutya ako kanya imbonankubone? Cyangwa muragira ngo bazabashimishe gusa bababwire ngo ikibazo cyanyu turacyumva, bati turacyumva muzayabona. Ni... ni cyo mwifuza? Mutekereza mutyo iyo muri gukina ayo makarita cyangwa muri kuganira mwungurana ibitekerezo? Mubona ko bazayabyara he ayo "mafranga"?**

- Ayo "mafranga" nta kibazo ateye cyane. Bitewe n'uko ee... inama twagiranye na Ministre hamwe... GATABAZI, hamwe na... na... na Diregiteri wa ELECTROGAZ na we ndumva yari ahari, bemeye ko "amafranga" bafite abagiraneza bemeye kuzayabaha. Ahubwo kug... kugeza ubu ikibura mbese, ikibura ni umubare nyawo wu... wuzuye.

**- W'ayo "mafranga"?**

- W'ayo "mafaranga".

**- E... kuri ya mafishi?**

- Ya mafishi.

**- Icyo mushaka ni amafishi?**

- Yee, amafishi a... aramutse ab... akaboneka,

**- Umuntu akamenya ideni Leta imurimo?**

- Akamenya ideni Leta imurimo.

**- Ahasigaye mwa... mwatuza mugakora?**

- Oya, n'ubundi kugeza ubu ntabwo akazi twebwe.

**- Hum.**

- Ntabwo twanga akazi. Ahubwo ni uko n'ubundi kuva icyo gihe mbese tutari twabonye Umuyobozi ngo abitubwireho neza uko bimeze, nta kindi. Naho ubundi akazi turagakunda, nta muntu ushobora kwanga akazi ntibishoboka, kandi ari ko kamutunze. Urumva ko ayo "mafranga" na... rero baramutwe bamaze kugena uwo mubare, ni... wenda bakanadusinyira, nta kibazo twashobora kwihangana tukagumya tugakora kuko n'ubundi bigeze kutubwira bati "ntabwo muzava muri iki kigo cyanyu ni icyanyu, tutabahaye utwanyu. Hagati aho rero tuzagumya dukore akazi nk'uko bisanzwe, nta kindi kibazo tuzaba dufite. **13min08sec**

**- Hari ikibazo kijya ki... gikomeye kiri muri politique y'iki gihugu kandi cy'insobe kandi mwe mudasobanukiweho. Baravuga bati ELECTROGAZ irebye nabi "twayiprivatiza". "Guprivatiza" ni ukuyigira ikigo cy'isosiyete yigenga ita... it... itarimo na Leta. Hum?**

- Hum.

**- Bati "tukayi.gi...privatiza". Iyo bamaze rero "guprivatiza" bakayigira ikigo cyigenga kitagengwa na Leta, mwebwe..., "bangaja" abo bashaka. Urumva?**

- Ee.

**- "Bangaja" abo bashaka. N'aho mwari muri mukahava. Kubera ko ntuba wizeye ko umutegetsi mushya uraza si Leta, uraza nyine heh, ashobora kuza ari Umututsi "akangaja" Abatutsi bene wabo, cyangwa yaza ari Umuhutu "akangaja" aba..., cyangwa yaza ari Umuzungu "akangaja". Hum?**

- Hum.

**- Cyangwa..., simbizi. Ni ya... yaza ari n'Umujapone (Japonais) "akangaja", biterwa n'uwafashe icyo kigo. Buriya ntabwo mujya mugira ubwoba muti... muti twafashije Diregiteri gutunganya ibibazo, iki kigo tuka... tukerekana ko gishoboye akazi aho kugira**

**ngo "bagiprivatize"? Ntabwo wi... mujya mubitekereza na byo?**

- Ibyo ngibyo ndumva..., ndabyibukaho gatoya, twigeze gukorana inama yabereye... sinibuka neza ahantu a... ndumva ishobora kuba yarabereye ya... attendez, ni muri inte... ashobora kuba ari kuri ELECTROGAZ, icyo gihe ni bwo ee... Chef du personnel MUREKEZI bamubwiye icyo yavugaho aravuga ati... niba atari kuri ELECTROGAZ ni ku Kacyiru. Bara... aravuga ati i... "ikigo cya ELECTROGAZ kirimo ibice bitatu:

- Gifite umuriro.
- Gifite amazi.
- Gifite n'abakozi". **15min06sec**

Ati "kugurisha abakozi ni ibintu bikomeye cyane. Amazi wayagurisha, n'umuriro wawugurisha, ariko kugurisha abakozi ni ibintu bikomeye cyane". Hagati aho ngaho na we urumva ko icyo kintu yari agitekerejeho, cyo kureba ukuntu icyo kigo cyatera imbere noneho koko kikerekana ko gikora neza.

Natwe rero biramutse bibaye ngombwa, mbese bibayeho, twifuza ko ikigo cyagumya.. mu maboko ya Leta ntikita... ntikijye mu maboko yo hanze. Izo nyungu abo bantu bashakaga kutuvomamo tukazigumana natwe zikaba izacu.

**- Ee... i... uzi impamvu se nkubajije icyo kibazo,**

- Hum.

**- ni uko nyine wambwiye ngo ha... mujya mujya kuri Sainte Famille ahantu,**

- Hum.

**- nkaba nzi neza ko..., ndabizi ndakurikira cyane, nzi neza ko ahantu mujya mujya mujya muhurirayo n'abakozi (aseka) bo muri e... Caisse d'Epargne, heh!**

-Yee.

**- Si mujya muhurirayo se?**

- Ee, tujya tuhahurira.

**- Hum, murahahurira aho hantu.** Hein?

- Hum.

- **Urumva rero indushyi zo muri Caisse d'Epargne zihura n'indushyi zo muri ELECTROGAZ,** (Barasetse bombi) **16min05sec**

- Hum.

- **(Akomeza guseka) Nkaba nzi rero ko muri ubwo burushyi bwanyu, harimo icyo kibazo cya privatisation.**

- Hum,

- **Mwese ntimushaka kugira ngo ikigo cyanyu kigende.**

- Hum.

- **Ndabizi. Nzi ko mutabishaka rwose nta byo mushaka. Hum?**

- Ee...

- **Nzi ko... na Leta ubwayo ntiyakwifuza kureka ibyayo. Bi... e... bigenze neza se ikibazo kiri hehe? Hum? Ikibazo kiri he? Uretse wenda ko ari politiques z'ahandi zivuga ziti (arimyoje), uwagira atya yanusura, hum?**

- Hum.

- **Burya abantu bamenyerewe, haa, bamenye... iby'ubukungu bifite uko bigenda. Hari abantu bamenyereye ku... gufata iby'abandi bakabitegeka bakabirya. Si byo se?**

- Hum.

- **Hum? Amazi ni ay'igihugu, umuriro ni uw'igihugu. Hum?**

- Hum.

- **Ibyuma ye... biba ari kuri Ntaruka, ari kuri Mukungwa, ari hehe, i Cyangugu ari he, ibyo byuma...**

- Ni by'igihugu.

- **ni amadeni yacu y'i... y'i... y'igihugu. Niba turi kwishyura turi kwishyura. Ntiwumva? Urumva ko ari iby'igihugu. Kugira ngo umuntu aze abyigabize avuye hanze ngo ibi bintu ngo njyewe ndabiranguye, heh!**

- (Rires)

- **Aranguye igihugu! Ayo mazi se arayarangura azi amatoni y'amazi a... aza gute? Si ay'igihugu se?**

- Ni ay'igihugu.

- **Hum? Iby'Imana iduhaye umuntu abigire ibye! Byagombaga kuba ibya Leta,**

**byagombaga kuba ibya twese, ibya rusange!**

- Hum.

**- Noneho umuntu abirangure. Ni nk'uwavuga ngo noneho ngo Parc arayiguze! Hum!**

- C'est ça!

**- Noneho undi akaza akagura ibirunga, hum! Undi akagura imihanda, umuntu ashatse yaza akagura iyi mihanda, agashyiraho za pa... za parkings, hum! Mu e... agashyiraho za.aa... za ru... za.aa... (arimyoje) ahantu ho kurihira, ahantu ee... hariya hepfo tuhita ngo iki?**

- Kuri.i...

**- Kuri payage.**

- Za payages.

**- Hum, agashyiraho za...**

- Hum.

**- payages kugira ngo "amafranga" ye agaruke.**

- Hum.

**- Umuntu ashatse yagura izi makadamu zose zo mu Rwanda, akazigura rwose akavuga ati "amafranga" yose mwashoye ndayabashubije,**

- Ati ndayabashubije igihugu nkigize (2 voix en même temps)...

**- Ariko rero... (2 voix en même temps)...**

- icyanjye,

**- mundeke nshyireho payages.**

- Hum.

**- Nyuma y'imyaka cumi yaba ayakubye kangahe se? Ayo "mafranga" yatanze mbere. Urumva?**

- Hum.

**- Tugomba kumenya ubwenge rero.**

**Tugaruke kuri ELECTROGAZ. Mwebwe imigambi mufite ni iyihe kugira ngo muzahure kiriya kigo? Mwebwe abakozi ba nyakabyizi, ubwo nawe uri nyakabyizi. Bariya bakozi bo hasi, mwebwe, murumva icyo mwifuza ko ubuyobozi bwakora, ko Ministre GATABAZI**

**yabakorera kuko numva ari we n'ayo "mafranga" ni we uzi iyo azava, hum? Icyo yabakorera, icyo babakorera ni ikihe? Amafishi twayavuze,**

- (Inaudible: 2 voix en même temps)...

**- ko amafishi muyabonye byaba ari sawa.**

- Hum, naba (2 voix en même temps)...

**- Icya (2 voix en même temps)...**

- arimo aranakorwa.

**- hakurikiraho iki? Hum. Ko iriya sosiyete RTI, nzi neza ko ari yo ikora amafishi.**

- Hum.

**- Muti "barayakora bigapfa". Hum?**

- Uhum.

**- RTI murifuza ko yabibakorera vuba? Mwamara kuyabona mwe uko mukora utunama twanyu, musanga mwabigenza mute mumaze kubona ayo mafishi?**

- Donc, ayo mafishi amaze kuboneka, uko tu... tubona twa... twa... twa... byagenda, donc bavuze bati n... "amafranga" ntayahari, bashobora kuvuga bati tuzajya tubaha buhoro buhoro buhoro buhoro. Ariko noneho guhera muri kino gihe turimo, ya "mafranga" barimo babarira.. ubu ntituzongere kujya tuyabura ngo twibwe, mbese ne... niba uri "egitrisiye" wemewe "ubwelegitrisiye" bwawe, niba uri monteur wemewe "ubumonteri" bwawe.

E... ni izo engagements bavuga batanga tukaba twazifata, noneho tugatangira kugendera ku mategeko, tu... tukagendera ku mategeko agenga abandi bakozi bose ba ELECTROGAZ. Ibyo na byo Diregiteri yigeze kubivugaho aravuga ati..., twari turi ahantu ku Kimisagara twamutumiye kugira ngo twiyakire tuvugane ibibazo byacu, aravuga ati "mwebwe namwe muri abakozi nk'abandi". Ati "ndetse za engagements" ati "nzazibashakira nzibahe". Icyo gihe ntitwabyanze, usibye ko twanze kuzifata tutarabo... tutaramenya iryo deni batugomba. Nibuze ngo tumenye ko baturimo ideni. Noneho ni... nibiba... nibiramuka bisobanutse neza, bigeze mu nzira nziza, turi abantu b'abagabo dufite abana, abandi bafite abagore, e... dushyira hamwe ibitekerezo byubaka ntabwo dushaka ibi.s..tekerezo bisenya.

Ni ukuvuga ko icyo gihe, ayo mafaranga, nibavuga bati ibi... amafishi twayarangije, ngibi uko

bimeze ariko mutubabarire “amafranga” ntabonekera rimwe, tuzajya tubaha gutya na gutya, tuzumvikana bitungane, izo engagements tuzifate noneho tugendere ku mategeko agenga abandi bate... bakozi bose. **20min05sec**

**- Ba bantu icumi mwatoye se, abo mwatoye icumi, urasanga bazemerwa n’aba bantu bose uko ari magana cyenda?**

- Muri bariya bantu magana cyenda..., donc, ubundi twari dusanzwe dufite comité yi... Comité yitwa EBAI, yacu, ee... abo bantu bose tukaba tubemera. Noneho abo ngabo twatore.. turi hariya ku ntuza e... kuri Sainte Famille,

**- Hum.**

- ntabwo bashobora kubahakana kuko twe twabatumye tubizeye kugira ngo bajye muri iyo mishyikirano. Ahubwo ubu uyu munsi mbese ni bwo imishyikirano twari kumenya icyo yagezeho se... sindahagera buriya duhuye nari ngiye kugerayo kugira ngo numve aho... icyo imishyikirano itanga... yatanze nimugoroba kuko twaraye dutashye bakiri mu nama ya Diregiteri kuri PVK. Hagati aho ngaho iyo mishyikirano rero niba yagize icyo itanga nta cyo ndamenya ariko icyo nzi cyo ni uko ibyo bavanayo biraba ari bizima.

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM. 21min04sec**

**- Ncuti mwumva Radiyo yanyu Radiyo RTLM, dufite i saa tatu, dufite saa tatu yuzuye hano i Kigali. ...vestre, ibitekerezo angejejeho nyamara hah, nyakabyizi wize amashuri menshi, nyakabyizi wize, uretse ko avuga ati “nitugira Imana contrats zacu zizasinywa natwe tube abakozi bemewe nk’abandi bakozi”, ati “kandi ntidushaka kugira ngo ikigo cyacu kive mu maboko ya Leta kandi dukorera Leta, ari icyacu turi Abanyarwanda, ari twe Leta. Erega ni hn... buri Munyarwanda ni we Leta, hum?**

- Hum

**- Ati “ari twe Leta”, ati “ibyo ngibyo ntitubyifuza”. Uretse ko “amaprogramu”... hari abantu hah, yeeh heh, ngo kirarika! Hah, kirarika! None si.. Caisse d’Epargne yagiye ite? Si mu cyayenge? Hum? Uretse ko banze kuyirekura na bo mukaba mwirirwana.., n’abakozi baranze, aho bizagarukira we..., reka dutegereze ...**

- Nta... nta wuhazi.

**- ko bashyiraho Guverinoma, bashyireho Guverinoma yemewe ikora, twumve ibitekerezo bizava muri Guverinoma yemewe.** **22min04sec**

**Ncuti rero HATUNGIMANA Sylvestre, umaze kutubwira icyo utekereza, bagenzi bawe... niba hari ikindi... akandi ka message wababwira uti dukore, babwire ahasigaye mukore koko.**

- Bon, nizere ko aho bari aho kuri Sainte Famille bagezeyo bari... barimo batwumva, ko ba... amaradiyo barayafite menshi cyane b... ba... d... baba bumva amakuru. Nagira ngo mbamenyeshe ko nanjye ubu ngiye... nje mbasanze kugira ngo numve umugambi w'ejo icyo wagezeho. Hagati aho ngaho ariko t... nanjye nizere ko ubugome ba... ba... badushinzaga.. twebwe bi... biragaragara ko twarenganye, ahubwo ikipe y'abagome natwe tu... ubwacu...

Icyo namenyesha kuri ELECTROGAZ, mu buyobozi bwa ELECTROGAZ, uko turi hariya twanamye hariya, tumeze nk'impunzi, umuntu iyo azi... ahahise akatubaza ati "murakora iki", tumubwira tuti turi impunzi. Twebwe ubwacu natwe tuzakora uko dushoboye tumenye abantu b'abagome abo ari bo koko, tubatangaze. Aho kugira ngo nyakabyizi wese yitwe umugome, rimwe na rimwe ahubwo harimo n'abihishe inyuma ya kabyi... ya... ya... nyakabyizi akajya gukora ibikogwa.. by'ubugome hanze. Tuzakora uko dushoboye natwe dufashe ubuyobozi bwa ELECTROGAZ gushaka abagome aho bari n'aho bihishe. Hum.

**- Hari itangazo dufite hano twahawe na Diregiteri wa ELECTROGAZ, iryo tangazo riravuga riti: abantu bangiza, abangiza umuriro, abangiza amazi, ari ibikorwa bifitiye abaturage akamaro, ari ibikorwa byabo kandi mwe mwakoze mwebwe, ari mwe mu... mubishinzwe mubikora, ati abo bantu babyangiza rwose, mwebwe ubwanyu mwe mu... muruha mubi... "mubirepara", muruha "mubyensitala",**

**- Hum.**

**- muruha "mumonta", ati "ni mwe mwari mukwiye kubikiza hakiri kare".**

- Hum.

**- Murumva ko mutagiye... mutagomba kureba ukuntu noneho mwakora ibyo bita mu "gifransa" "*intervention*" kuri...**

K0141329

- Hum.

**- ariya ma lignes yose, ku... Yanze, ngo iyo amazi abuze n'iwanyu aba abuze. 24min03sec**

- Hum, natwe ahubwo tugira ikibazo cyo gukaraba.

**- None se.**

- Ntiwumva se, hum.

**- Hum, (arasetse).**

- Ahubwo sinzi umuntu ubikora icyo aba atekereza we en fait.

**- Hum!**

- Uwo muntu na we aba akeneye gukaraba, akeneye ko...koga, keretse niba ari umuntu ahari utaha kure y'umujyi kure wenda ufite amazi y'ikinamba d... sinamenya, ariko nta muntu waba wararushye yikoreye itiyo agiye ku i... kugira ngo agezeho amazi ku baturage, yarikoreye "kandarabule" agiye gu... gutanga imiriro, yaragize gute, nta kuntu waba waravunitse gutyo ugende ubyangize.

**- C'est ça.**

- Ntibishoboka, ntibibaho.

**- Hum.**

- Hum.

**- E... Kantano akunda kuvuga..., nkunda kumva Radiyo RTLM nanjye, Kantano akavuga ati "mu bihugu bindi byo muri Afrika (Afrique) bararushye kuturusha". Nanjye ndabizi, Kantano ni umuntu wagenze amahanga cyane, yabaye iyo za Cameroun, yabaye he, yabaye i Burayi (Europe), yabaye muri za Canada, muri Amerika (Amérique), yararebye, yaragiye agenda areba. Mu bindi bihugu byabayemo intambara nk'iyi, unyure muri Tchad, hum, unyure muri "Santrafrika" (République Centrafricaine), ujye muri Mali, unyure muri Niger, hum, ujye muri Burkinafaso, hum, muri ibyo bihugu,**

- Hum.

**- ndetse ujye no muri Sénégal, ha... muri ibyo bihugu hari ibihugu bitagihemba umukozi, bitagihemba umukozi bimaze amezi arenze atandatu..., hum, ngo u... u Bufaransa (France) bwafasha..., hari ibihugu ..bibafashamo... u Bufaransa (France), haba ibihe bamanukanye imaleti irimo "amafranga" bakajya guhemba abakozi ba Leta.**

- Hum.

**- Hum! Niba bamanukana ishakoshi bakajya guhemba abakozi ba Leta rero, abo mu bindi bigo bo ntibaba bagihembwa. Icyo gihe bigenda bite? Umugore wa Koloneli umusanga mu isoko ari gucuruza ubufu. Hum! Cyangwa akajya mu yindi myuga ntavuze.**

- Hum.

**- Hum! Kwirwariza.**

- (Arasetse). Hum.

**- Akajya mu yindi myuga ntavuze akirwariza. Niba rero muri iki gihugu tugifite amahoro, bakaba baki... ba... bagitekereza bati twahemba ahubwo ku kwezi, hum, mwana wa mama...**

- Hum.

**- Mwana wa mama, uduke dufite tutwitondemo. Uduke dufite muri iki gihugu tutwitondemo kubera ko dushobora na two gushya, kuzima. Twumve uwo muzika, urakoze.**

- Yee, murakoze reka nsange abandi,... (des bruits extérieurs) (Un bref silence)

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

...bi ukuntu inkuru zigenda zitugeraho, n'ukuntu bamwe batwandikira abandi bakadutelefona, abandi bakadusura, ni ko tugomba kubibagezaho. Hum, hari nk'umuntu uje akavuga ati njyewe nitwa, hum, UZABAKILIHO, ati "iwacu ni muri Commune Nyakabanda i Gitarama", ati "ariko hariya mu Gakinjiro ntuye abaturanyi rwose bambabarire bampe amahoro". Ukumva rero umuntu arabikubwiye ati Noheli rwose bampaye amahoro ati rwose njye Dativa naba ngize Imana. Hum, uwo ni mwe.

Undi akaza akakubwira ati Nohe, ati twebwe muri uyu mujyi turakurikira. Ati muri uyu mujyi turakurikira, ariko ibyo bintu bimaze igihe, bimaze igihe abantu batubwira bati ariko kuki mutabivuga mubitinyira iki? Bati ziriya modoka, ziriya modoka zishorerwa na MINUAR, amakamyo akava hano i Kigali arimo Inkotanyi, akagenda akagera ku Mulindi, ati "ayo makamyo agenda tubareba, tubareba rwose", ati "ariko mukugaruka aza amahema afunze", hum, bafunze

amahema! Ati "bakaza" ati "mub... muba mubona ha... bahishe iki" harimwo iki? Harimo bufindo ki? Bashaka kugera ku ki?

**27min05sec**

Ibyo rero twarabikurikiye, twanze kwirwa tubivuga mbere tubanza kugira ngo dukurikire tuzamenye ikintu kiba kirimo. Haba harimo iki se? Haba harimo intwaro n'abasirikare. Bo bazanye mbere ngo bataillon, abasirikare magana atandatu, bemerewe na... n'i... n'i... n'aho twasinyiye Arusha, mu masezerano y'Arusha. Bemeye ko bazaza ari magana atandatu. No mu madisikuru birwa bavuga ko baje magana atandatu.

Nyamara si ko bimeze, si ko bimeze magana atandatu koko baraje, umunsi wa mbere baraje. Haza abana b'i Kigali no mu nkengero z'umujyi wa Kigali, bazi i Kigali neza, bazi kwa Noheli, bazi ahantu hose, abo baraje, bamwe baranansuye, baje no kundeba rwose aho ntuye i Nyamirambo. Baraje. Hum, bareba ku Kicukiro a... muganga rwose, Kapiteni, (aseka) heh, baraje turabazi, turaziranye cyane, hum! Abo baraje.

Ariko ubu se baracyari mu... baracyari hariya kuri CND? Ntabwo bakiri kuri CND, abo baje mbere bibereye mu mujyi. Ahubwo ayo makamyo azana abandi bakaza bagacungura ba bandi, abandi bakaza "bakiyenfiltra" mu mujyi bakibera muri iyi Kigali yanyu. Iyi Kigali yanyu rero, mbere twaravugaga tuti Inkotanyi tujya duhura na zo, turaganira tugahura, hari ejo uwansekeje ati "mpuye n'Inkotanyi ariko sinarinzi ko yagiye" ati "duhuye gutya" ati "ansaba ko mugurira agatabi", ndakamugurira turaganira". Hum, ejo! Abandi rero bari mu mujyi, ntabwo ba bandi baje mbere magana atandatu bakiri kuri CND, bo bageze mu mujyi ahubwo haje abandi, buri gihe bazana abandi n'intaro zabo, n'intwaro zabo.

Uyu mujyi rero nibatareba neza, ha! Ukuntu MUSEVENI yafashe Kampala turabizi. Tuzi ukuntu MUSEVENI yafashe Kampala, ntibazakine umukino rero, twe gukina umukino ngo Kigali ngo iki. RTLM izaba yarabivuze, hum, Kantano yabwiye NDADAYE ati yee... "i Bujumbura ko mbona... aha... hum, abantu bashobora kukugandagura", ati "ntibishoboka". Nyamara, nyamara baramugandaguye, ha, abantu rero bari hano mu mujyi, bari mu mujyi turabizi, turabizi. Turabizi

dufite gihamya. Hum, na MINUAR ibirimo, ifitemo uruhare rukomeye. Ifitemo uruhare rukomeye irabizi, irabizi. Bajye bababaza, nibaza bamenye bati abantu na MINUAR ko abantu ba... bava hano kuri CND bakajya mu mujyi bafite amakamyoneti yabo nk'abiri cyangwa atatu yuzuye abasirikari, MINUAR ikagenda ifite abasirikare babiri gusa ngo baherekeje umuntu umwe, hum, ari mirongo ingahe, basubizayo bangahe? Bajya babimenya? Baza... hah... yewe, ababaza MINUAR bazayibaze cyangwa ba... na yo "bazayikontrole". Tugomba "gukontrola" na MINUAR. Tugomba "kuyikontrola" MINUAR... **30min02sec**

**Fin de la Face A.**

**FACE B**

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM. 01min01sec**

... ha, tureba ko twese dufite... ijisho rya rubanda ko ribona. Ko tumaze kumenya... ko twamenye neza twashishoje, tukamenya neza ko Inkotanyi..., izaje mbere magana atandatu zitakiri muri CND ahubwo batashye iwabo kubera ko bazanye aba mbere bazi neza ko bafite iwabo muri Kigali n'iruhande rwa Kigali, abo ngabo bakaba bagenda babifashwa na mi... na MINUAR, bagenda babasimbuza abandi.

Ubu kandi, hum, hari (aseka) undi umbwiye ati "ariko Noheli ni uko utabizi", ati "ahubwo baza ari amakipe y'abantu icumi icumi bakaza biyambariye gisivile", ati "hari n'abandi basohoka hariya muri CND bambaye "sivile", bariya ba MINUAR nti... ntibajya babona ko bagarutse. Bajya babona se bagarutse? Bisohokera bambaye "sivile". Hum, bakigendera! Bajya babona ko basubiyeyo? Hum! Abagaruka se bajya bamenya ko ari ba bandi bari bagiye kare? Ni ko bajya binjiramo rero, ni ko bagenda basimburana, ibintu rwose byabaye munange barasimburana uko bashaka abandi bakirarira iwabo mu rugo. Hum! Turaturanye, abandi batuye za Gikondo, za hehe, abaturage bazi kureba bafite amaso. Hum, dufite abayaya n'ababoyi, dufite abakozi bo mu rugo, dufite abaki, bavuga bati kwa kanaka hariyo umuntu, bati wa musore wabo yaraje. Hum, ibyo byose turabizi.

Iyi Kigali rero ntabwo izaba nka Kampala, ntibishoboka, ntibishoboka, ntibishoboka kubera ko ari ingabo ziri maso, ari abaturage bari maso, kugira ngo hagire igikorwa, haa! Simbizi! Sinzi uwakwotsa undi, sinzi uwakotsa undi, sinzi n'uwashya mbere cyangwa uwashya nyuma, simbizi.

Ubungubu (aseka) hari umuntu umbajije ikibazo ati "Noheli", hum, ati "tubarize Ministre GATABAZI muri MINITRAPE atubwire aho Toyota Stout, Toyota Stout A... Plaque A 8502 yo muri Ponts et chaussées ahantu yaba iherereye". Ati "abishake abimenye, umukozi "yangaje"

nyakabyizi ngo ajye atwara iyo modoka ahantu yayirigishirije". Ati "abimenye kandi ni we wamushyizeho arabizi". Iyo modoka Toyota Stout A 8502 irashakwa rwose kubera ko batazi aho yazimiriye. Aba bakozi ni bo batazi aho yazimiriye, ariko yagiye bareba. Tukomeze twumve uwo muzika. ♫ **03min04sec**

Abanyarwanda iki gihugu ni icyabo "barakontrola". Hum, KABONABAKE ni we umaze kunsetsa, (aseka) KABONABAKE aransekeje ati "Noheli", hum, ati "turakontrola", turagenzura, turagenzura rwose cyane". Hum. Ati "uzi ko ziriya Nkotanyi..., bamwe babita Inyenzi, abandi bakabita Inkotanyi, uretse nigeze kwibariza Inkotanyi imwe nti ese wowe ko umbwira ko wagiye mu mahanga ufite imyaka itatu muhunga, wagezeyo uba Inyenzi? Cyangwa wabaye Inkotanyi gihe ki? Hum!

Ati "kera tukibatera", ati "burya twari Inyenzi neza neza", ati "ejobundi ba KANYARENGWE batwivanzemo na bariya ba LIZINDE, na ba BISERUKA n'abandi", bati "bamaze kutwivangamo duhindura izina". Bati duhindu... avu... ati "ubundi ko twari Inyenzi" ati "nta wabihakana". Ati "noneho tuhinduka Inkotanyi". Ati "kuko haje abandi banyamahanga cyangwa abandi bantu badufasha nk'Abazungu nk'abaki, bakabyivangamo na bo bakaza", bati "twahindura izina ne... wenda tukaba intare cyangwa tukaba umuyaga cyangwa tukaba inkuba", ati "twahindura izina". Hum!

None (araseka) KABONABAKE rero yaransekeje, hee, ati "uzi ko i... Inyenzi, yee, ati "ziriya Nkotanyi", ati "bajya gutashya inkwi, bajya gutashya inkwi ku Mulindi", hum! Ati "abantu bajya gutashya inkwi ku Mulindi bakuzura amakamyo, izo nkwi ziza ari inkwi? Cyangwa ziza ari imbunda (araseka) zigeretseho inkwi"? (Araseka)

Ati "ni ugukora attention umuntu aka... "akabikontorola", hum, ati "biriya bintu..."! Amayeri yose akorwa yose turayazi turayareba".

Yee, nk'undi umbwiye ati "bariya bari kujya mu Mutara biyita ngo ni abashumba bazanye inka n'iki", ati "muzitonde ntabwo ari abashumba ni ya mayeri nk'aya MUSEVENI", ati "burya ni

abasirikare bivira mu Bugande (Uganda)", ati "bakababeshya ngo ni abashumba (aseka) ngo babibiye amaka, (agiseka) heh aah, aah! Ati "ni ukubyitondera".

Twese rero ubu ngubu ni ..ukushishoza, tukaba maso tukareba tukamenya aho turi n'aho tugeze. Iyi ntambara imaze imyaka irenga itatu, nta kuntu itananiranye. Kandi yari igeze ku mwisho, mu ikorosi rya rindi rya nyuma. Iri korosi rero kuri...nyuramo..., kubinyuramo..., kurinyuramo, hah hah! Nzaba numva ariko kandi nzi neza ko byose bizarangira neza. Bizarangira neza, ni byo rwose. (Arasetse) Umuntu arambwiye ati "bizarangira neza bite"? Eh! Niyo waba wambaye ikanzu uri Musenyeri cyangwa wabaye padiri, haba igihe bibaye ngombwa ikanzu ukayivamo noneho ukambara ipatalo n'ishati cyangwa ukambara isalubeti ugakora. Ni ko bizagenda.

**05min09sec**

Abandi bakatwandikira, abandi bakadutelefona, amakuru ni menshi kandi ibi bihe turimo nababwiye ko ari ibihe bikomeye namwe murabizi ntabwo ari ukirwa na... ndanabibutsa.. ko bikomeye, ariko Présidente, Présidente w'ishyaka MFBP, Madamu NYIRAHABIMANA Gaudence, we yaje kudusura aravuga ati "singenda ntavuze", ati "ntavuze uko ibintu bimeze", maze GAHIGI yamwakiriye bafite ibyo bavuganye, tubumve.

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

**- Ubu turi hamwe na NYIRAHABIMANA Gaudence, Présidente w'ishyaka MFBP, e... Madamu rero e... FPR imaze iminsi isohora amatangazo, ayo matangazo wayasuzumira hafi ugasanga FPR isa n'iyivanga mu bireba amashyaka ubwayo, mu migendekere yayo no mu micungire yayo. Ukumva ngo FPR ngo yemera Abadepite ngo batowe igihe iki n'iki, ngo yemera ngo abo mu gice ngo iki n'iki, ngo yemera aba n'aba. Noneho abantu bakibaza bati, kuki FPR koko ikomeza kwivanga mu bireba amashyaka ubwayo mu gihugu, kandi itarigeze igirana urebye amasezerano n'ishyaka ku bwaryo, kuko yagize amasezerano na Guverinoma nubwo yenda yari igizwe n'ayo mashyaka atanu? Ariko abantu bakavuga bati "ntabwo tubona uburenganzira FPR yaba ifite bwo kugira ngo yivange mu migendekere y'amashyaka ubwayo". Noneho abantu bamwe bakavuga, heh, bati "niba akebo ka.bi...jya**

**iwa MUGARURA, niba FPR yiha kujya inaga akajisho mu mashyaka", bati "natwe uwanaga akajisho mu mashyaka..., mu ishyaka FPR niba ari ishyaka niba ari Umuryango". Bati "nta muntu wigeze abaza FPR uko yashyizeho Abadepite bayo n'uko yashyizeho "Abaministre" bayo, bati "nta wuzi igihe batorewe, nta wuzi aho batorewe, nta wuzi uko batoye".**

**Bati "ikindi , abo bantu bagize ee... ari "Abaministre", ari Abadepite ba FPR bati "na bo twagira icyo tubavugaho". Mwebwe mu ishyaka mfb... MFBP, mu ishyaka MFBP mwe mwagira icyo muvuga kuri abo bantu bifuza ko..., hari n'a... n'Abanyarwanda na bo FPR yasanze bagira icyo bavuga kuri FPR-Inkotanyi? 08min05sec**

- Icyo kibazo ni cyiza cyane, ndetse gitumye wenda nshobora gushimangira ikiganiro naraye ntanze kuri Radiyo Rwanda, mvuga ko ikinyoma kirara ku ntebe ariko ntikihirirwe. FPR yateye ivuga ko izanye demokarasi, none itangiye gutsimbarara ku mashyaka avangura amoko, ku gice cy'amashyaka kivangura ubwoko. Mu gitsi... ngo itsimbaraye ku Badepite ba Lando, ngo Abadepite e... bo mu gice cya Lando.

Mu by'ukuri, uku ni ukuri gutangiye kugaragara. Mu ishyaka MFBP tuboneyeho akanya ko kubaza Abanyarwanda impamvu bacecetse. Ese FPR ni "prigatori" abantu bajya kwihanaguzamo ibyaha? Umuntu wese wishe arajya muri FPR akagaruka ari Majoro, umuntu wese wibye Leta arajya muri FPR akagara... akagaruka ari Depite.

Njye ndibaza na none, Ministre w'Intebe na Guverinoma iriho ubu, niba iyo liste y'Abadepite, niba iyo liste y'"Abaministre" ba FPR yarizwe koko na Guverinoma. Cyangwa niba na none ari Ministre UWILINGIYIMANA Agata na TWAGIRAMUNGU Fawustini ubwabo bafashe ibyemezo byo kwemera izo candidatures za FPR. Niba ari ko bimeze, mu ishyaka ryacu na n'ubu natwe tuboneyeho umwanya wo gusaba amashyaka yose agize Guverinoma, gutumiza inama y'"Abaministre", kuko Ministre w'Intebe akiriho, bakiga rwose koko "iliste" y'Abadepite ya FPR n'"iliste" y'"Abaministre".

Abanyarwanda bose bazi ko uriya bagize Ministre ee... MININTER, ni ukuvuga mine... minis... uzaba Ministre w'Ubutegetsi bw'igihugu n'Amajyambere ya Komine, BIZIMUNGU Pasteur, simurwanya ni umuturanyi, ariko se Abanyarwanda bose bazi ko atoroka yatorokanye n'imodokari ya Leta, iyo modoka se yaragarutse? Yashyikirijwe se inkiko? Yabaye se umwere?

Abantu bose bazi ko KAJEGUHAKWA Valens, uwo waje ari Depite, arimo imyenda ya Leta myinshi rwose, ari na cyo cyatumye ahari anacika akajya mu Nkotanyi. Ni nde utazi ko LIZINDE ari "Umukrimineli"? Ko yanafunzwe? Ni nde utazi ko BISERUKA ..bari bafunzwe mu Ruhengeri? None se ni imbabazi za Président w'igihugu zababababariye? None se icyatumye bajya mu Nkotanyi ni ..bo berejwe? Noneho Inkotanyi ni ukuvuga ko ari "prigatori"! Nta gereza tuzajya tugira mu Rwanda!

**11min04sec**

Ni yo mpamvu nsaba amashyaka yose ashaka kuvutswa uburenganzira bwa... bwabo ngo bafite imiziro ngo ni ibi n'iri, ndagira ngo mbaze Ministre w'Intebe w'a... w'Inzibacyuho Yaguye na Ministre w'ubu ngubu, niba kuba FPR bituma umuntu aba umwere, niba ari "prigatori"?

Ndasaba noneho Guverinoma y'u Rwanda, nkaba nshyigikiye ba "Baministre" cumi na babiri bakomeza gusaba Ministre w'Intebe, Agata UWILINGIYIMANA, ko yatumiza inama y'"Abaministre" akaba ari bo biga ayo "maliste" y'abakandida harimo n'irya FPR, cyane cyane bakiga abo bagiye bafite amadosiye kuko nta rukiko rwabagize abere, si Président wa Repubulika wabagize abere, mu by'ukuri ahubwo FPR iduhaye umwanya wo kugira ngo dusuzume mbere y'uko Inzibacyuho ijyaho, abafite imiziro n'abandi bantu badashoboye kuba inyangamugayo, kuba bagirira igihugu akamaro tukabajonjora. Ubu rero FPR na yo igezweho.

Turasaba inama y'"Abaministre" y'uko ari yo igomba kubyiga. Tugasaba n'abandi bashobora kuba bafite amadosiye, haba mu "mabanke", haba muri prison, haba ahantu bose abo bakoze, bagiye mu Nkotanyi, ko bakora uko bashoboye bakatugezaho twe bakuru b'amashyaka, ndetse n'"Abaministre" bakaza...ba...jya babaha kopi, n'uko twese tugakorera igihugu, aho kugira ngo abantu baze bikoma amashyaka amwe bakoresha igitugu batirebye, nkanswe.. twebwe turi

impumyi.

Turasaba Guverinoma rero, iriho irakora, Abaminisitiri babiri, e... cumi na babiri, ni ukuvuga ko ari bibiri bya gatatu, bagomba guterana, ndetse numvishe na TWAGIRAMUNGU Fawustini, Ministre w'Intebe w'Inzibacyuho Yaguye na we atabirwanya, asaba Ministre UWILINGIYIMANA Agata rwose ko yateranya "Abaministre" bakiga izo listes za FPR. Abo ngabo na bo dusabye n'Umukuru w'igihugu yuko atagomba kubemera. Nta gitugu bagomba kumushyiraho, abo bantu bazwi bafiteho imiziro dusabye Umukuru w'igihugu yuko atagomba kwemera kurahiza abo ba... ishyaka ryacu ntiryemeye ko Umukuru w'igihugu arahiza bariya Badepite hakirimwo abafite imiziro ba FPR. Niba ari ibyo ntabwo ishyaka MFBP rizajya muri iyo Nteko Ishinga Amategeko. Jamais.
**13min03sec**

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

**- Ubwo rero umaze kwemeza ubwira abatwumva ko FPR atari "prigatori", ko rero uwayigiyemo afite imiziro akiyifite, ahubwo ko Abanyarwanda baba maso wenda nk'Abasederi, noneho abafite amadosiye bakayasohora, abari bafungiye urwo gupfa... bakatiwe urwo gupfa iyo miziro baracyayifite, abari bafungiwe iki n'iki, gutoroka, kuba FPR yarabatorokeje muri prison ntabwo bihagije kugira ngo babe abere, ntabwo ari "prigatori" banyuzemo, uti "rero bacukumbure amadosiye". Tukaba turi ku itariki cumi n'icyenda, Président wa Repubulika akifuza ko... yifuzaga ko ejo ku itariki makumyabiri inzego zaba zagiyeho, wowe uti "ducukumbure amadosiye". Ubwo rero noneho Guverinoma ku bwawe, Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yaguye, byajyaho ryari dutangiye gucukumbura ayo madosiye?**

- Mu by'ukuri, iyihuse yabyaye ibihumye. Kandi baca umugani mu "gifransa" ngo "qui va doucement, va sûrement". Njye mbona ko iyo Nzibacyuho n'iyo itajyaho hakaba amatora dusanze bidashoboka. Kuko ubutegetsi navuze kuva kera ko budatangwa n'Arusha. Iyo umuntu yatowe na miliyoni zirindwi, biragaragara yuko Imana iba yamurambitseho ibiganza. Niyo

mpamvu twebwe rwose ntabwo iriya Nzibacyuho mu gihe ikirimo ibintu bifutamye tuyirambirijeho rwose, ntabwo tuyirambirijeho. Ndetse tukabona ko nibayishyiraho mu buryo butumvikana, mu buryo Abanyarwanda bose batabona ko ari ibintu rwose bigaragara kuko ndabona FPR yo mu gihe ikemanga abantu, ivuga ko yahagaritse intambara y'amasasu ari ukugira ngo noneho intambara y'ibitekerezo..., natwe tugomba kuyirwana.

Turasaba rero Umukuru y'igihugu y'uko Abadepite..., uwitwa KAJEGUHAKWA Valens, uwitwa a... LIZINDE, uwitwa... uhum, u... uriy... undi Mudepite ni nde? "Umuministre" navuga ni...

- **(Inaudible: arongoreye).**

- Pasteur BIZIMUNGU, Ministre w'Ubutegetsi bw'igihugu n'Amajyambere ya Komine, abo bantu nibaramuka bagiye mu Nteko Ishinga Amategeko..., e... BIZIMUNGU Pasteur ni umuturanyi mbisubiremo simurwanya, turashaka ingirakamaro, naramuka abaye Minisitiri njye mu by'ukuri ntabwo iriya Nteko Ishinga Amategeko..., ni njye ishyaka ryatoye kujyamo, ntabwo nzayijyamo nzakinira inyuma y'ikibuga, ntabwo nshobora gukinana n'abantu b'abicanyi ngo ni uko FPR yabatorokeje muri gereza, abantu b'abajura ngo nkinane na bo. Mbese umukino wa politiki si kimwe n'umukino w'umupira? Ntibishoboka rero. Abantu (2 voix en même temps)...

**15min09sec**

- **E... ni wowe wigeze kuvuga uti "umukino wa politique" uti "ni nk'uw'umupira", uti "iyo umuntu yicana", uti "Arbitre" agomba "kumusifula" akamushyira hanze". None rero umaze kwemeza ko FPR atari "prigatori", ku bwawe ukumva abo bakinnyi bakwiye "kubasifula" bakabashyira hanze?**

- Njye mu by'ukuri mbona y'uko Arbitre principal mu byerekeye inti... ishe... Inteko Ishinga Amategeko, ni HABYARIMANA Yuvenali kuko ni we ushinzwe kurahiza abo bantu, n'uwitwa KAVARUGANDA uriya Président w'iremezo ee... rishinzwe kuri... kurinda ubusugire bw'Itegeko Nshinga.

Abo bagabo bombi rero, tubasabye kuba ba Arbitres beza kuko Umukuru w'igihugu agomba kuturahiza ariko KAVARUGANDA ahari. Abo bose bagomba kuba ba Arbitres beza, nta kuvuga ngo uratinya ngo FPR ngo uko iri gu.t...kina ifite grenade mu mufuka wenda yayihishe ahantu

ikantera grenade, iyo umuntu yemeye kuba Arbitre aba Arbitre. Hari benshi ba Arbitres bakubitwa bakabakubita rwose. Ariko iyo umuntu yemeye kuba Arbitre, ni akazi aba yiyemeje, uragakora n'imbere y'Imana ugakiranuka.

Bon, hanyuma ku cyere... ikindi kibazo rero navuga ni uko mu by'ukuri, ku byerekeye rero Guverinoma nsabye Ministre w'Intebe TWAGIRAMUNGU Fawustini, nk'uko yavuze ko hari abandi bantu adashobora kwemera kubera ko badashobora mbe... uwo wenda ni ubushobozi buke yabarebye ngo iyi Guverinoma yamusenyukiraho, ndumva n'uwo muntu wibye imodoka y'igihugu, BIZIMUNGU Pasteur, rwose uwo muntu ndumva na we namushyira muri Guverinoma ye azasahura imodoka z'igihugu zose akazitorokana akazambukana, ndumva na we igihugu kitazaba gitera imbere, uwo ndumva n'uwo muntu na we ataza... atagomba kumushyiramo.

Ubwo rero nsabye y'uko rwose Abanyarwanda twese twaba maso tukare... tuka... be ijisho jy'i... ry'igihugu. Natwe tukareba muri FPR ko ari shyashya. Ni cyo nsabye Ministre w'Intebe w'Inzibacyuho yaguye, ni cyo nsabye Président w'igihugu ushinzwe kurahiza Abadepite, hn... nkasaba na KAVARUGANDA ushinzwe e... kuri... Président w'Urukiko rurinda ee... ubusugire bw'Itegeko Nshinga. **17min09sec**

**- Yee, ubwo rero murakoze Madame Gaudence, Présidente w'ishyaka MFBP. Ikintu dufashe mu byo utubwiye n'Abanyarwanda batwumva bafata ni uko FPR atari "prigatori" umuntu w'umunyabyaha ajyamo ngo ahite aba umwere. Abantu rero bagiye muri FPR ari abanyabyaha, ari abicanyi, ari ibisambo, bakaba bagifite ubwo ibyo byaha, ku bwawe uti "Arbitre principal", ni ukuvuga Président wa Repubulika, ni ukuvuga e... Président w'a... w'Urukiko rushinzwe kurinda Iremezo ry'Itegeko Nshinga, "ko abo bantu ari a.... b'abanyabyaha badakwiye kurahizwa ngo bajye muri Guverinoma".**

**Ngibyo rero, ngo urucira mukeba rugahitana nyoko, Abanyarwanda batangiye "kurorunya", sinzi iryo jambo uko narivuga mu gi...nyarwanda.., ni ugukenguza bareba muri FPR. Ubwo rero ibintu birakomeye ndumva..., turekere hano ubwo tuzakomeza ubutaha, uzongera gushaka gukenguza areba muri FPR amakosa arimo, RTLM irahari**

**izamuha ijambo. Kandi tukifuza koko ko igihugu nk'uko twakunze kubivugwa... kubivuga, cyategekwa n'abantu b'abere, b'indakemwa mu mico no myifatire kuko iyo ugaragaje ko uri umujura mu bintu bito no mu binini uriba. Iyo ugaragaje ko utazi gucunga ibintu bike, n'ibyinshi birakunanira. Iyo ufite ubusambo mu bintu bike, no mu byinshi uba ibi... uba igisambo.**

**Tukifuza rero ko igihugu cyategekwa koko n'abantu b'indakemwa, baba abavuye muri FPR, baba bavuye mu gice FPR yasanze hano mu gihugu. Murakoze.**

**Orateur : HITIMANA Noël, journaliste de la RTLM.**

Erega ni... ni... ni na byo bivugwa hanze aha, ni byo bivugwa hanze aha. Esi.. ukuri ko kunyura mu ziko ntigushye, aho kunyuze ngo urakara akarakara utarakaye aka... akavuga aku...hari n'abumirwa! Hum! Hari n'ubabara nyine akababara, amarira y'umugabo ngo (aseka) atemba ajya mu nda, (arasetse) hari ababababara amarira agatemba ajya mu nda nyine! Eeh, hari uwambwiye ati "bazawunywa". Ahubwo bazabona ishyano, bazabona ishyano. Hum. **20min01sec**

Ee... reka ntumikire uyu mupadiri, padiri Thomas BARABONA, Missionnaire du Zaïre, ararangisha ibyangombwa byibwe mu ma saa yine n'igice kuri Sainte Famille. Ibyo byangombwa harimo passeport, n'ibindi bifite agaciro. Ngo uwabibona yabishyira kuri Economat hariya kuri Saite Famille cyangwa akabizana hano kuri RTLM, akabona ibihembo bishimishije, ibihembo bishimishije. Le père... père e... Thomas BARABONA a perdu...

**Orateur : GAHIGI Gaspard, journaliste de la RTLM.**

♬ (Indicatif de la RTLM) ... tukaba dufite saa mbiri n'iminota cumi n'irindwi muri studios zacu. Muri iki gitondo rero mukaba muri hamwe na Gaspard GAHIGI. Nkagira ngo mbibutse ko turi ku wa kane tariki makumyabiri Mutarama mirongo cyenda na kane.

Kuri uyu munsi rero akaba ari bwo Président wa Repubulika yari yasabye ko Inzego

z'Inzibacyuho zisigaye zajyaho, ndashaka kuvuga Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye n'Inteko Ishinga Amategeko y'Inzibacyuho yaguye. Ariko urebye uko ibintu byagiye bizunguturana, amagambo yavuzwe na Madamu UWILINGIYIMANA Agata, Ministre w'Intebe wa Guverinoma irimo gucyura igihe, amagambo yavuzwe na TWAGIRAMUNGU Fawustini, ee... Ministre w'Intebe wa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye yagombaga kujyaho, urebye rero uko byagiye bizurungutana ukabona ko uyu munsi ntakiri bukorwe, ubwo rero tu... ibitekerezo byose bigenda bivuga inzitizi z'ishyirwaho z'izo nzego ni zo... ni byo tubagezaho muri iki gitondo.

Ikindi nagira ngo mbabwire ni uko abanyapolitike n'abanyamakuru bakwiye kurya bari menge. Ngira ngo mwumvise ko nimugoroba tugiye gusoza ibiganiro byacu twavuze ko MUGENZI Yustini, Président wa PL akaba na Ministre w'Inganda, ba...gizibanabi... abagizibanabi bari bamwivuganye Imana igakinga akaboko. Ubu rero turimo kumushakisha kugira ngo atubwire, atwibwirire ubwe uko byamugendekeye.

Navugaga rero ko abanyapolitike n'abanyamakuru bakwiye kurya bari menge kuko hari abagizibanabi babikomye, muzi ko bivuganye GAPYISI Emmanuel bakekagaho ko ashobora kuba Ministre w'Intebe, ubwo nyine bamuhitanye abantu bakaba babakeka, ariko nta gihamya. Abantu bakunze kuvuga ko "ankete" zo mu Rwanda sinzi uko zimeze kuko uhitanywe n'abantu buri gihe baravuga ngo bazakora "ankete" ariko "ankete" buri gihe nta cyo zigeraho.
**22min07sec**

GAPYISI rero Emmanuel Nyakwigendera, abagizibanabi baramuhitanye, bahitana RWAMBUKA Fidèle, kugeza ubu nta... nta kintu na kimwe cyerekana nibura uko umuntu yakurikirana abo bagizibanabi nta... nta traces, ibyo bita "*traces*" mu "gifransa", ntabwo rero abo bagizibanabi baboneka:

- Muzi ko bateye MBONAMPEKA Stanislas grenade mu cyumba aryamamo ba... akagira Imana ..agasanga atariho yaryamye.
- Muzi n'ejobundi ko GATABARWA bamuteye na we grenade.
- Muzi Bourgmestre GATETE wa Commune Murambi ko bamuteye grenade bakanamurasa.

Urebye rero ni abo mvuze ariko iyo urebye ugashishoza usanga abagizibanabi bikoma abanyapolitike n'abanyamakuru:

- Muzi ko bivuganye KALISA Callixte wari umunyamakuru wa Télévision y'u Rwanda.
- Bakivugana BYABAGAMBA Stratoni watangaga ikiganiro cya Kiliziya Gatolika kuri Radiyo Rwanda.
- Ejobundi aha bakivugana KURUMVUNE.. Marcellin wari umunyamakuru watugezagaho ikiganiro cyerekeye ibidukikije, abagizibanabi baramwivuganye.

Nkagira ngo rero mbwire abanyapolitike n'abanyamukuru ko bakwiye kurya bari menge kuko abagizibanabi babikomye.

Mukomeze rero mwumva RTLM, ubwo muri iki gitondo muri hamwe na Gaspard GAHIGI. Nabasezeranyije ko mbagezaho ibitekerezo byose biza byerekeranye n'inzitizi ziriho mu gushyiraho Inzego z'Inzibacyuho sizigaye, ndashaka kuvuga Guverinoma y'Inzibacyuho Yaguye n'Inteko Ishinga Amategeko Yaguye irimo FPR. **24min05sec**

Mukomeze rero mugire umunsi mwiza mwumva RTLM, Radiyo yanyu, Radiyo abantu benshi bemeza ko ari Radiyo yatsinze.

... tuganira muri iki gitondo ku byerekeye inzitizi zibuza gushyiraho Inzego z'Inzibacyuho yaguye, ndashaka kuvuga Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye n'Inteko Ishinga Amategeko yaguye. Mu bigaragarira hafi, uwo bashyira mu majwi cyane cyane ni TWAGIRAMUNGU Fawustini bakunze kwita RUKOKOMA. Ubundi mu masezerano y'Arusha bavuga ko Guverinoma iriho ubu n'amashyaka ndetse yari agize iyo Guverinoma, afite uruhare mu gushyirwaho rwa Guverinoma y'Inzibacyuho yaguye irimo FPR.

Noneho rero ubu aba... abahanga mu... mu mategeko barajya impaka ariko benshi bakemeza ko amashyaka ari yo agomba gutanga..., ndetse byanditse no mu masezerano uretse bamwe batayumva kimwe, ariko abenshi basanga ko ibyanditse mu masezerano bivuga ko amashyaka

agomba kwishyiriraho Abadepite bayo. Ndetse ibyo biragaragara kuko FPR yashyizeho abasi... Abadepite bayo, nta wigeze ayivuguza, ariko mu mashyaka yo mu Rwanda ho aba... ishyaka ryishyiriraho Abadepite ugasanga bamwe barashaka kubanga.

Amashyaka yo mu Rwanda rero ndashaka kuvuga cyane cyane PL na MDR. Baravuze bati "dore Abadepite bacu, bakashyikiriza Président wa Repubulika", noneho abandi bagaca inyuma bati "abo Badepite ntabwo tubemera", bati turashaka abatowe igihe iki n'iki, ugasanga rero TWAGIRAMUNGU avuga ati... cyane cyane byabanje kuri Madamu UWILINGIYIMANA Agata, birazurungutana binyura kuri KAVARUGANDA, ariko ari TWAGIRAMUNGU usunika, inyuma ari Inkotanyi zisunika, bati "abo Badepite ntitubemera". Ugasanga rero ibigaragara cyane cyane ari uko banga ko amashyaka yitangira Abadepite kandi abyemererwa n'ayo masezerano y'amahoro ya.. Arusha benshi bitwaza.

Ikindi akaba ari uko nyine ayo mashyaka, cyane cyane bavuga Bureau politique yayo ko ari yo yatanga abakandida Ministres noneho RUKOKOMA akabashyiraho, Président wa Repubulika akabarahiza, noneho na byo TWAGIRAMUNGU akabyanga ati "ni njyewe ugomba kwihitiramo", ati "nta wumpitiramo" ati "kandi amasezerano ya.. Arusha abimpera uburenganzira". **27min02sec**

Ikibazo rero akaba ari icyo kumenya niba..., ngira ngo muzi ko uyu munsi ari bwo Président yari yavuze ko izo nzego zaba zagiyeho, ari wo munsi wa nyuma, ariko tukabona nyine zitari bujyeho. Noneho ikibazo cy'abantu bibaza bakavuga bati TWAGIRAMUNGU niba ananiwe kumvikana n'amashyaka bamuvanyeho. Niba rero bamuvanaho, abo ba ni ba nde? Yavanwaho na nde? Yavanwaho na Président wa Repubulika? Yavanwaho na Guverinoma se y'Agata? Yavanwaho na nde?

Wareba rero ugasanga TWAGIRAMUNGU ubwo yashoboye nyine gukina politique yo mu kirere, akiyandikisha mu masezerano y'Arusha, kugira ngo aveho ari Guverinoma y'u Rwanda igomba kongera kubyumvikanaho na FPR. Ikibazo rero kikaba kiri aho ngaho, TWAGIRAMUNGU akaba abizi kandi akaba azi ko ashyigikiwe na FPR, ko rero FPR atari yo

yamuvanaho. Ubwo rero akavuga ati “ndimo gukina politique yo hejuru.

Ariko muri ibyo bya TWAGIRAMUNGU udindiza iryo shyirwaho rya... rya... ry’Inzego z’Inzibacyuho zaguye, Guverinoma n’Inteko Ishinga Amategeko, ureba hafi yagira ngo ni TWAGIRAMUNGU gusa, ariko iyo urebye kure ugasesengura usanga ahubwo ikidindiza cyane, uretse TWAGIRAMUNGU nyine ugaragara, ikidindiza cyane ishyirwaho ry’izi...ry’inzego ni uko gushyira mu bikorwa amasezerano y’Arusha ubu bikomeye kubera ingufu za politique zahindutse.

Nkagira ngo rero mbumvishe ikiganiro naraye ngiranye na HABIMANA Kantano ku byerekeye iby’amasezerano y’Arusha na.. ibyerekeye ingufu za politique zahindutse. Hanyuma nyuma niturangiza icyo kiganiro, hari umugabo witwa André LOUIS, Visi Président wa International Démocrate Chrétien, ni ishyirahamwe, ni impuzamashyaka ya... y’amashyaka yo mu Burayi agendera ku i... kuri... ku irib... ku ihame rya “Gikrisitu”, yavuze ku byerekeye FPR muri iki gihe. Ubwo yabyanditse mu “gifransa” ndaza kugerageza kubis... kubibabwira mu kinyarwanda, noneho tugende tureba koko ibidindiza iyi Guverinoma y’Inzibacyuho Yaguye n’Inteko Ishinga Amategeko y’Inzibacyuho yaguye, ibidindiza ishyirwaho ry’izo nzego.

Nkagira ngo rero mbumvishe ikiganiro naraye ngiranye na Kantano noneho tuze gukomeza twumva ibitekerezo by’uwo Muzungu witwa André LOUIS... **29min08sec**

**Fin de la Face B.**

***